REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI

**AKARERE KA KICUKIRO**

# Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Kicukiro 2016/2017

Kamena, 2017



# Iriburiro

Akarere ka Kicukiro kanejejwe no kubagezaho iki gitabo gikubiyemo ibyagezweho mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo kasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda yashyizwe mu bikorwa kuva mu kwezi kwa Nyakanga 2016 kugeza Kamena 2017, aho twari twiyemeje gushyira mu bikorwa Imihigo 57 ikubiyemo:

- Imihigo 25 yo mu nkingi y'Ubukungu;
- Imihigo 22 yo mu nkingi y'Imibereho Myiza;
- Imihigo 10 yo mu nkingi y'Imiyoborere n'Ubutabera.

Hashingiwe ku cyerekezo igihugu cyacu kihaye ndetse no mu ntego zitandukanye zashyizweho hagamijwe iterambere rirambye no kurandura ubukene hazamurwa umuturage, Imihigo y'Akarere ka Kicukiro yibanze ku inkingi enye (4) za Guverinoma nk'uko byagaragajwe hejuru.

Mu izina ry'Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro, tunejejwe n'umusaruro wabonetse mu gushyira mu bikorwa iyi mihigo, dushimira ubufatanye bwagaragaye mu nzego zose z'ubuyobozi butandukanye harimo Minisiteri n'ibigo bya Leta, Inama Njyanama y'Akarere, Imirenge, abikorera, imiryango nterankunga yegamiye n'itegamiye kuri Leta n'abaturage b'Akarere muri rusange. Akarere ka Kicukiro karishimira ko ibikorwa byose uko byahizwe byagezweho ndetse kuri bimwe intego ikarenga, tukaba dushimira uruhare rwa buri wese ku bushake, ingufu, umurava no gukorera hamwe byagaragajwe mu kwesa iyi mihigo.

Dukomeze Imihigo. "The Journey continues"

**Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne**

Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro



# Ibirimo

## Iriburiro

I.INKINGI Y'UBUKUNGU......5
1.Guhinga ibihingwa byatoranyijwe ku buso bungana na hegitari 1611 Z'ibigori na hegitari 3223 z'ibishyimbo......5
2.Kuzamura umusaruro w'ibigori kugeza kuri toni 5460 t z'ibigori na Toni 2929 z'ibishyimbo......6
3.Gutera intanga inka 1.091......6
4.Gukingira amatungo 8,250 indwara z'ibyorezo......7
5.Gutanga inka 150 muri gahunda ya girinka munyarwanda......8
6.Gutera ibiti by'imbuto 2800(imyembe 2000 na avoka 800 mu materasi Y'indinganire mu murenge wa gahanga......9
7.Kubaka amacumbi mu mudugudu w'icyitegererezo wa Ayabaraya mu Murenge wa Masaka......10
8.Gutegura ibishushanyo mbonera byihariye mu tugari twa nyarurama (20ha);gako(20ha)na karembure (20ha)......11
9.Kubaka amazu yo guturamo 64 mu murenge wa kagarama......12
10.Kubaka isoko rya kijyambere rya kicukiro center commercial complex Kugeza kuri 40%......13
11.Kubaka amazu 16 yo guturamo mu murenge wa gahanga kugeza kuri 60%....14
12.Gukora inyigo yo gutunganya igice cyubatse mu kajagari mu murenge Wa Gatenga......15
13.Kubaka umuhanda wa kabulimbo kanombe-busanza -rubilizi ureshya Na km 5,8 kugeza kuri 100%......16
14.Gusana imihanda y'itaka ireshya na km 6,514......17
15.Guhanga imirimo mishya 18.724 idashingiye ku buhinzi......18
16.Gutegura imishinga 450 iterwa inkunga n'ibigo by'imari......19
17.Guhugura urubyiruko 200 bakanahabwa ibikoresho bibafasha kwihangira Imirimo iciriritse......20
18.Gufasha imishinga mito 325 kubona inguzanyo mu bigo by'imar......21
19.Kubaka udusoko 3 (mini market) two guhurizamo abacuruzaga mu buryo Butemewe......21
20.Kwishyuriza sacco amadeni ari mu bukererwe kugeza kuri 95%......22
21.Kugaruza amafaranga yatanzwe na munguzanyo za vup/fs......23
22.Gutera ibiti muri gahunda yo kubungabunga ibidukikije......23
23.Gukora ubusitani ku muhanda wa kaburimbo wa airport (1km)......24
24.Ingo 1.000 nshya zikoresha gaz......25
25.Kwinjiza imisoro n'amahoro kugeza ku mafranga 5,597,654,329......25

# Ibirimo

I.2.INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA....26
26.Guha inkunga abarokotse jenoside 609....26
27.Kubaka amacumbi 10 y'abarokotse jenoside batishoboye....26
28.Gufasha abatishoboye 800 muri gahunda y'inkunga y'ingoboka....27
29. Gufasha imiryango 150 hhs binyuze muri gahunda ya minimum package....28
30.Gutanga akazi ku baturage 645 muri gahunda ya PW/VUP....28
31.Gufasha koperative ebyiri z'abafite ubumuga....29
32.Kubaka ikigo gihugura abarimu b'imyuga mu murenge wa niboye phase II....29
33.Kubaka ibyumba by'amashuri 9 n'ubwiherero 8....30
34.Gukora ubugenzuzi mu mashuri abanza 73 no mu mashuri yisumbuye 41....31
35.Kwigisha abantu 750 bakuru batazi gusoma no kwandika....31
36.Gushishikariza abaturage ubwisungane mu buvuzi kugeza kuri 100%....32
37.Gukora ubugenzuzi bw'isuku buri gihembwe mu bigo nderabuzima 10....32
38.Kubaka maternite ya gikondo 100%....33
39.Gufasha abaturage 6000 kwipimisha no kuvurwa amaso....35
40.Kuzuza inyubako y'ivuriro dream health polyclinic mu murenge wa gatenga Kugeza kuri 100%....37
41.Kubaka ikigo mbonezamikurire (ECD )mu murenge wa masaka,akagari ka Ayabaraya....38
42.Gushaka ibyumba bizakoreshwa muri (ECD)....39
43.Gusubiza mu miryango abana 85 bari mu bigo byita ku bana b'inzererezi....40
44.Gushyiraho komite zo gukemura amakimbirane(community based early Childhood development centers)ku rwego rw'utugari....40
45.Gutera inkunga inama y'igihugu y'urubyiruko(nyc)....41
46.Gukora siporo rusange (sport de masse) mu mirenge yose 10....41
47.Gutera inkunga amatorero 2 akora imbyino ndangamuco....42

I.3. INKINGI Y'IMIYOBORERE MYIZA....43

48.Gukemura ibibazo by'abaturage kugeza kuri 100%....43
49.Kubaka ibiro by'umurenge wa niboye kugeza kuri 100%....43
50.Kwinjiza agaciro k'umuganda kugeza kuri miliyoni 597....44
51.Kurangiza imanza zidafite imbogamizi 100%....45
52.Gutoranya abarinzi b'igihango mu mirenge yose....45
53.Gutegura ibiganiro bya ndi umunyarwanda mu mashuri abanza N'ayisumbuye mu mirenge yose....46
54.Gutoza abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye 2.900 muri Gahunda y'itorero;....46
55.Gutegura itorero ry'abayobozi 2200 b'inzego z'ibanze....47
56.Gutegura itorero ry'abarimu 1900 (indemyabigwi)....47
57.Gushyira mu bikorwa 100% imyanzuro y'umugenzuzi w'imari ya leta....48

# I. Inkingi y'ubukungu

## 1. Guhinga ibihingwa byatoranyijwe ku buso bungana na hegitari 1,611 z'ibigori na hegitari 3,223 z'ibishyimbo.

Mu kongera umusaruro ukomoka ku bihingwa byatoranyijwe mu Karere ka Kicukiro twahize guhinga ibihingwa byatoranyijwe (ibigori n'ibishyimbo)ku buso bungana na Hegitari 1611 z'ibigori na hegitari 3223 z'ibishyimbo.

Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:

1. Ubukangurambaga binyujijwe muri gahunda ya TWIGIRE EXTENSION MODEL;
2. Gutegura ibihembwe by'ihinga 2017 A, B na C;
3. Gutangiza ibihembwe by'ihinga 2017 A, B ;
4. Guhinga ubutaka bwahujwe, hashyirwamo n'inyongeramusaruro
5. Gukurikirana ibyahinzwe.

Ibi bikorwa byose byagezweho ku buryo bukurikira:
Ibihingwa byatoranyijwe byahinzwe ku buso bungana hegitari 1670 z'ibigori=103,6% na Hegitari 3406 z'ibishyimbo=105,7%.





***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

Impinduka  dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:
- Hari umusaruro mwiza kandi utubutse wabonetse mu gihembwe cya mbere cy'ihinga (season A)
- Abaturage babashije kwihaza mu biribwa no gusagurira amasoko, bibafasha kwiteza imbere mu bukungu no mu mibereho myiza.

## 2. Kuzamura umusaruro w'ibigori kugeza kuri toni 5460 z'ibigori na toni 2929.1 z'ibishyimbo

Mu kongera umusaruro ukomoka ku bihingwa byatoranyijwe mu Karere ka Kicukiro twahize guhinga ibihingwa byatoranyijwe(ibigori n'ibishyimbo)ku buso bungana na Hegitari 1611 z'ibigori na hegitari 3223 z'ibishyimbo.

Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:

1. Gutanga amafishi yifashishwa mu gukusanya umusaruro;
2. Gukurikirana ibikorwa no kubitangira raporo

***Ibyagezweho mu gihembwe cya mbere cy' ubuhinzi (season A):***

Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:

- Ni umusaruro wabonetse mu buryo bukurikira:
  1. Twakusanyije umusaruro w'ibigori ungana na toni 4905,85 = 89.8%
  2. Twakusanyije umusaruro w'ibishyimbo ungana na toni 2887.65 = 98.6%

| Nº | Umurenge | Ubuso bwari buteganyijwe guhingwa/ha | Ubuso bwahinzwe bukanaterwa/ha | Umusaruro wari uteganyijwe/T | Umusaruro wabonetse/T | Umusaruro wabonetse kuri ha( Productivity T/ha) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Masaka | 525 | 559 | 2205 | 1997.8 | 3.6 |
| 2 | Nyarugunga | 60 | 67 | 252 | 253.6 | 3.8 |
| 3 | Kanombe | 230 | 230 | 966 | 801 | 3.5 |
| 4 | Niboye | 5 | 5 | 21 | 19.7 | 3.9 |
| 5 | Kagarama | 40 | 40 | 168 | 145 | 3.6 |
| 6 | Gahanga | 375 | 370 | 1575 | 1381 | 3.7 |
| 7 | Gatenga | 45 | 57 | 189 | 202 | 3.5 |
| 8 | Kigarama | 20 | 30 | 84 | 105.75 | 3.5 |
| | Total | 1300 | 1358 | 5460 | 4905.85 | 3.6 |
| | Ijanisha (%) | 100% | 104,4 | 100% | 89.8% | |

## 3. Gutera Intanga Inka 1.091

Muri gahunda yo kuvugurura ubworozi hagamijwe kongera umusaruro ukomoka ku matungo , twahize umuhigo wo kuvugurura ubworozi haterwa intanga inka 1091.

Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:
1. Kunoza urutonde rw'inka zizaterwa intanga;
2. Kugura ibikoresho byo gukingira;
3. Gukingira.

***Ibikorwa byagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hateguwe urutonde rw'inka 1.091 zizaterwa intanga;
2. Haguzwe ibikoresho byo gutera intanga;
3. Hakurikiranywe igikorwa cyo gutera intanga inka 1133.

| Nº | Umurenge | Ubuso bwari buteganyijwe guhingwa/ha | Ubuso bwahinzwe bukanaterwa/ha | Umusaruro wari uteganyijwe/T | Umusaruro wabonetse/T | Umusaruro wabonetse kuri ha( Productivity T/ha) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Masaka | 630 | 635 | 1071 | 1027.9 | 1.62 |
| 2 | Nyarugunga | 40 | 47 | 68 | 83 | 1.76 |
| 3 | Kanombe | 290 | 293 | 493 | 477.5 | 1.64 |
| 4 | Niboye | 10 | 11 | 17 | 18 | 1.64 |
| 5 | Kagarama | 57 | 60 | 96.9 | 94.25 | 1.57 |
| 6 | Gahanga | 613 | 620 | 1042.1 | 998.5 | 1.61 |
| 7 | Gatenga | 63 | 90 | 107.1 | 137.5 | 1.7 |
| 8 | Kigarama | 20 | 30 | 34 | 51 | 1.7 |
| | Total | 1723 | 1,786 | 2929.1 | 2887.65 | 1.62 |
| | Ijanisha (%) | 100% | 103.6% | 100% | 98.6% | |





*Uyu muhigo wagezweho 103,8%*

Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:

- Kuvugurura icyororo (genetic improvement) hagamijwe kongera umukamo.
- Gushishikariza abaturage Inyungu z'ubworozi babona ituruka ku bworozi bwabo yariyongereye, ndetse bigatuma n'abatoroye bashishikarira korora.
- Guteza imbere imibereho y'umuryango.

## 4. Gukingira Amatungo 8,250 Indwara Z'ibyorezo

Muri gahunda yo guteza imbere ubworozi dukumira indwara z'ibyorezo ziza zitunguranye, Akarere ka Kicukiro kahize gukingira amatungo 8,250 indwara z'ibyorezo.



***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'inka zizakingirwa;
2. Kugura inkingo;
3. Gukurikirana ibikorwa byo gukingira.

***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo twageze kuri ibi bikurikira:***

1. Hateguwe urutonde rw'amatungo 8250 azakingirwa;
2. Haguzwe inkingo;
3. Hakurikiranywe ibikorwa byo gukingira amatungo 8250 .

*Uyu muhigo wagezweho 100%*

Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:

- Gukingiza amatungo
- Byafashije aborozi kwirinda igihombo gituruka ku ndwara z'amatungo.

## 5. Gutanga inka 150 muri gahunda ya girinka munyarwanda

Mu rwego rwo kuremera abatishoboye binyujijwe muri gahunda ya GIRINKA MUNYARWANDA twahize gutanga inka 150 zigahabwa imiryango ikennye itishoboye.

1. Kunoza urutonde rw'abazahabwa inka;
2. Kugura inka 71 zizatangwa muri iyi gahunda;
3. Gutegura ibikorwa byo kwitura no kubishyira mu bikorwa;
4. Gukurikirana igikorwa cyo gutanga inka.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa hatangwa inka 160 ku buryo bukurikira:***

| No | UMURENGE | ABAHAWE INKA | | |
|---|---|---|---|---|
| | | GABO | GORE | BOSE |
| 1 | GAHANGA | 35 | 10 | 45 |
| 2 | MASAKA | 24 | 37 | 61 |
| 3 | KAGARAMA | 5 | 1 | 6 |
| 4 | KANOMBE | 17 | 7 | 24 |
| 5 | NYARUGUNGA | 2 | 2 | 4 |
| 6 | KIGARAMA | 1 | 4 | 5 |
| 7 | GATENGA | 9 | 6 | 15 |
| ZOSE HAMWE | | 93 | 67 | 160 |



Inka zose hamwe zaratanzwe,
***Uyu muhigo wagezweho 106,6%.***

Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:

- Abaturage 160 bahawe inka babashije gukemura ikibazo cy'imirire mibi kuko babonye amata abafasha kongera intungamubiri; babashije kandi kubona ifumbire ibafasha kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi,bibafasha kwikura mu bukene n'icyizere cy'ejo hazaza.

## 6. Gutera ibiti by'imbuto 2800 (imyembe 2.000 na avoka 800 mu materasi y'indinganire mu Murenge wa Gahanga Akagari ka Kagasa, Umudugudu wa Kabidandi.

Muri gahunda yo kuvugurura ubuhinzi bw'imbuto hatezwa imbere ubucuruzi bw'ibyoherezwa hanze, Akarere ka Kicukiro kahize gutera ibiti by'imbuto 2800 (Imyembe 2000 na avoka 800 )mu materasi y'indinganire mu Murenge wa Gahanga.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gutegura pepinière y'ibiti by'imbuto ziribwa;
2. Kubibangurira;
3. Gutegura site zizaterwaho ibiti;
4. Gutera ibiti by'imbuto no kubikurikirana.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Hateguwe pepinière y'ibiti biribwa 27.000(Imyembe 14.000 na avoka 13.000) biranabangurirwa;
2. Hateguwe hegitari 8,34 muri site ya Gahanga;
3. Hatewe ibiti by'imbuto 2.919 (Avoka 850, imyembe 2.069 ) kuri hegitari 8,34 mu materase y'indinganire mu Murenge wa Gahanga.
4. Hakurikiranywe ibiti by'imbuto byatewe.





***Uyu muhigo wagezweho 104.25%.***

Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:

- Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo ryatanze akazi ku baturage bakoze muri iyo mirimo; bibafasha gukemura ikibazo cy' imirire bongera intungamubiri zikomoka ku mbuto, bibafasha kwikura mu bukene.
- Gufata ubutaka
- Gukurura imvura
- Kugabanya ubutayu

## 7. Kubaka amacumbi mu mudugudu w'icyitegererezo wa Ayabaraya mu Murenge wa Masaka

Muri gahunda gukemura ikibazo cy'amacumbi y'abatishoboye Akarere ka Kicukiro kahize kubaka amacumbi 40 mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Ayabaraya mu Murenge wa Masaka:

**Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:**

1. Gutegura ibishushanyo(plans);
2. Gukora imihanda ireshya na 1.5 Km;
3. Kubaka amazu 40 yo guturamo;
4. Kubaka isoko n'inzu mberabyombi.

***Ibyagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hateguwe ibishushanyo(plans);
2. Hakozwe imihanda ireshya na 1.5 Km;
3. Hubatswe blocs 10 (4in1)zo guturamo zigizwe n'amazu 40 zifite agaciro kangana namiliyoni 420;
4. Hubatswe inzu mberabyombi n' isoko.




***Uyu muhigo wagezweho 85%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo rizafasha imiryango 40 itishoboye mu buryo bukurikira:
- Guha abaturage akazi
- Kubona icumbi ryiza
- Gutanga amazi n'umuriro
- Gutanga isoko, ivuriro, amashuri n'ibindi...

## 8. Gutegura ibishushanyo mbonera byihariye mu tugari twa Nyarurama (20ha); Gako(20ha) na Karembure (20ha).

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'abaturage cyo kubona aho batura cyane cyane abagejeje igihe cyo kubaka no gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali.

Akarere ka Kicukiro kahize umuhigo wo gukora ibishushanyo mbonera byihariye(Detailed master plans) mu Tugari dutatu Nyarurama (20Ha);Gako(20Ha)na Karembure (20Ha).


***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gutegura ibishushanyo no kubyemeza;
2. Gutera bornes z'imihanda;
3. Gutera bornes z'ibibanza ;
4. Gukora imihanda.

***Ibyagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hateguwe ibishushanyo muri site za Nyarurama; Karembure na Gako byemezwa n'Umujyi wa Kigali n'inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yo kuwa 25/03/2017 ;izi site zakaswemo ibibanza ku buryo bukurikira :
   - Site ya Nyarurama yatunganyijwemo ibibanza 1393 kuri Ha 104;
   - Site ya Karembure yatunganyijwemo ibibanza 963 kuri Ha 20 ;
   - Site ya Gako yatunganyijwemo ibibanza 5278 kuri Ha 318.
2. Hatewe bornes z'imihanda yo muri izo site;
3. Hatewe bornes z'ibibanza muri izo site;
4. Hakozwe imihanda.








***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo ridufasha :
- Kunoza imiturire
- Gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'umugi wa Kigali.
- Kongera agaciro k'ubutaka
- Kongera amahoro y'ubukode bw'ubutaka.
- Kongera uruhare rw'abaturage mu gushyira mu bikorwa igishyushanyo mbonera cy'umugi wa Kigali

Uyu muhigo kandi washyizwe mu bikorwa mu rwego rwo kubahiriza igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali nk'uko biteganywa n'amategeko.

## 9. Kubaka amazu yo guturamo 64 mu Murenge wa Kagarama

Uyu muhigo wahizwe mu rwego gukemura ikibazo cy'amacumbi no gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera ariko by'umwihariko gutuza abantu benshi ku buso buto hagamijwe gukoresha neza ubutaka.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

- Gufasha abaturage kubona ibyangombwa by'ubutaka
- Gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi.
- Gutunganya neza umuhanda rusange.

***Ibyagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

Ku bufatanye na OXYPROP hubatswe amazu 64 yo mu rwego rugezweho, afite ubushobozi bwo gucumbikira imiryango 64.

***Uyu muhigo wagezweho100%.***




***Impinduka zizakomoka kuri uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Imiryango 64 izatura muri aya macumbi;
- Imiturire izanozwa hubakwa amazu meza kandi agendanye n'icyerekezo cy'Umujyi;

***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

## 10. Kubaka isoko rya kijyambere rya Kicukiro Center Commercial Complex kugeza kuri 40%

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'amasoko no guteza imbere ubucuruzi, Akarere ka Kicukiro kahize ko ku bufatanye n'abashoramari hazubakwa inyubako y'ubucuruzi muri Centre ya Kicukiro yitwa KICUKIRO CENTER COMMERCIAL COMPLEX kugeza kuri 40%.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gusinya amasezerano y'ubufatanye(MoU);
2. Gukurikirana imirimo y'ubwubatsi;

***Ibyagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hasinywe amasezerano y'ubufatanye(MoU);
2. Hakurikiranywe imirimo y'ubwubatsi kugeza kuri 40%.
3. Hakozwe ubuvugizi kuri EUCL abaturage babona amashanyarazi ahagije.





***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Gutanga akazi ku baturage bahakoze imirimo y'ubwubatsi
- Gufasha kuzamura ibikorwa by'ubucuruzi muri aka gace, bidufashe kongera imisoro yinjizwa mw'isanduku ya Leta.
- Guha agaciro aho inyubako iherereye.

## 11. kubaka amazu 16 yo guturamo mu murenge wa gahanga kugeza kuri 60%.

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'ubutaka budahagije ugereranyije n'ubwiyongere bw'abaturage by'umwihariko abagana Umujyi.

Ku bufatanye n'umushoramari KAYIRANGWA Immaculée Akarere ka Kicukiro kahize kubaka amazu 16 yo guturamo mu Murenge wa Gahanga kugeza kuri 60%.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi (Site development; Construction Works);
2. Gukora umuhanda w'itaka ujyayo.
3. Gukemura ikibazo cy'ubutaka budahagije

***Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hakurikiranywe ibikorwa by'ubwubatsi(Site development; Construction Works) bigeze kuri 60%.
2. Akarere katunganyije umuhanda w'itaka ujyayo ureshya na metero 376.5, hashyirwamo laterite uranatsindagirwa.





***Uyu muhigo wagezweho 100%***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo rizadufasha gushyira mu bikorwa igishushanyo cy' Umujyi wa Kigali; gutanga akazi ku baturage bahakoze imirimo y' ubwubatsi, bizadufasha kandi gukemura ikibazo cy'amacumbi mu mujyi wa Kigali.

## 12. Gukora inyigo yo gutunganya igice cyubatse mu kajagari mu Murenge wa Gatenga

Mu rwego rwo guca akajagari no gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali Akarere ka Kicukiro kahize gukora inyigo yo kunoza ahubatswe hadatunganyijwe mu murenge wa gatenga.


***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gutegura itangwa ry'isoko;
2. Gusuzuma inyigo;
3. Kwemeza inyigo.

***Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hatanzwe isoko ryo gukora inyigo;
2. Hasuzumwe inyigo;
3. Hemejwe inyigo yakozwe.




***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Gufasha gushyira mu bikorwa igishushanyo cy' Umujyi wa Kigali.
- Kunoza inyigo izafasha kuvugurura imiturire.
- Kugabanya amakimbirane yaturuka mu guca akajagari nabi.

## 13. Kurangiza kubaka umuhanda wa kaburimbo Kanombe-Busanza -Rubilizi ureshya na km 5,8.

Mu rwego rwo guteza imbere ibikorwaremezo dushyira mu bikorwa ibikubiye muri gahunda y'iterambere ry'Akarere ry'imyaka itanu (District Development Plan); Akarere ka Kicukiro kashyize mu mihigo guteza imbere ibikorwaremezo hubakwa imihanda yoroshya itwara ry'abantu n'ibintu.

Mu mihigo y'umwaka 2016/2017. Twahize kurangiza iyubakwa ry' umuhanda wa Kabulimbo CAMP KANOMBE-BUSANZA-RUBILIZI ureshya na Km 5,8.

Uyu muhigo waje ugamije gukemura ikibazo cy'ubwigunge bw'abaturage bo mu Murenge wa Kanombe, na Nyarugunga, Utugari twa Busanza na Nonko kuko icyo gice nticyari kikiri nyabagendwa bikadindiza iterambere n'imibereho myiza by'abahatuye.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi bw'umuhanda;
2. Gukora umuhanda wa kaburimbo w'ibirometero 5.8





***Uyu muhigo wagezweho ku 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Gukemura ikibazo cy'ubwigunge ku baturage batuye mu tugari twavuzwe haruguru.
- Kugabanuka kw'ibiciro by'ingendo ku baturage.
- Kuzamura iterambere ry'ubukungu.

## 14. Gutunganya imihanda y'itaka ireshya na km 6,5

Mu rwego rwo guteza imbere ibikorwaremezo dushyira mu bikorwa ibikubiye muri gahunda y'iterambere ry'Akarere ry'imyaka itanu ( District Development Plan); Akarere ka Kicukiro kashyize mu mihigo y'umwaka 2016 / 2017 guteza imbere ibikorwaremezo hubakwa imihanda yoroshya itwara ry'abantu n'ibintu.

Muri uyu mwaka binyujijwe muri gahunda ya VUP mu nkingi yayo y'imirimo y'amaboko (PW) twahize umuhigo wo gusana imihanda y'itaka ireshya na Km 6,5 mu Mirenge ikurikira:

- Gatenga (Km2);
- Nyarugunga (Km1,5);
- Kanombe (Km1,5);
- Masaka (Km1,5).



Uyu muhigo wahizwe hagamijwe gukemura ikibazo cy'imihanda y'itaka yari imaze kwangirika bikabije muri utu duce kuko ntiyari ikiri nyabagendwa bikaba byaradindizaga bikomeye iterambere ry'imibereho Myiza y'abaturage n'ubukungu ku bahatuye.

***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hari hateganyijwe ibi bikurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'abagenerwabikorwa;
2. Gutanga amasoko y'ibikoresho;
3. Gukurikirana ibikorwa byo gusana imihanda.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Hanogejwe urutonde rw'abagenerwabikorwa 645,
2. Hatanzwe amasoko y'ibikoresho;
3. Hakurikiranywe ibikorwa byo gusana imihanda.



Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo ryakozwe hatunganywa km 6,5 z'imihanda y'itaka mu Mirenge yavuzwe haruguru ;bivana utwo duce mu bwigunge.

***Uyu muhigo wazanye impinduka zikurikira :***

- Gutanga akazi ku baturage 645 bakaba barahembwe amafaranga angana na 70,005,000 y'u Rwanda.
- Koroshya itwarwa ry'abantu n'ibintu;
- Guteza imbere ubucuruzi muri utwo duce;
- Kugabanya ibiciro by'ingendo;
- Kunoza isuku n'imiturire.

*Uyu muhigo wagezweho ku 100%.*

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo byadufashije gukemura ikibazo cy'ubwigunge ku baturage batuye mu tugari twavuzwe haruguru.
- Byagabanyije ibiciro by'ingendo ku baturage batuye mu tugari twavuzwe haruguru.
- Byazamuye iterambere ry'ubukungu.

## 15. Guhanga imirimo mishya 18.724 idashingiye ku buhinzi

Hashingiwe ku cyerecyezo cy'igihugu kigamije kongera ingufu mu guhangana n'ikibazo cy'ubushomeri, hahangwa nibura imirimo mishya idashingiye ku buhinzi ingana n'ibihumbi magana abiri buri mwaka.

Muri uyu mwaka Akarere ka Kicukiro kahize ko hazahangwa imirimo mishya ibihumbi cumi n'umunani Magana arindwi makumyabiri n'ine (18.724) idashingiye ku buhinzi.

*Imirimo mishya yahanzwe ni 19, 633 bingana na 104.8%*

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Gutanga imirimo ku baturage 19633 bikemura ikibazo cy'ubushomeri;
- Kwihutisha iterambere ry'Akarere n'iry'igihugu muri rusange cyane cyane ku mirimo y'ubwubatsi.

Uyu muhigo uhura na gahunda z' igihugu zijyanye no kongera ubukungu hagabanywa ubukene nka EDPRS II ndetse na gahunda y'igihugu y'umurimo NEP ijyanye no mu guteza imbere umurimo hibandwa ku guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi n' ubworozi binyuze muguteza imbere ubumenyingiro, ubumenyamwuga na gahunda y' igihugu yo guteza imbere ibikorerwa imbere mu gihugu hagamijwe kugabanya ibikorerwa hanze no kwihangira imirimo.

## 16. Gufasha abacuruzi bato n'abaciriritse 450 abashya n'abasanzwe gutegura imishinga kugira ngo ibashe kubona inguzanyo.

Mu rwego rwo gufasha mu kunoza no guteza imbere ishoramari riciriritse hanashingiwe ku cyerekezo cy'igihugu Akarere ka Kicukiro kahize umuhigo wo gufasha abacuruzi bato n'abaciriritse 450 abashya n'abasanzwe gutegura imishinga kugira ngo ibashe kubona inguzanyo(450 New and existing MSMEs coached to access finance).

Uyu muhigo ugamije:

- Gufasha abaturage bategurirwa imishinga babifashijwemo n'abajyanama mu bucuruzi (BDAs) kugira ngo babashe kubona inguzanyo biteze imbere;
- Kugabanya ubushomeri binyuze mu kwihangira imirimo havuka ba rwiyemezamirimo bashya;
- Gufasha abanyarwanda kwishakamo ibisubizo bihangira imirimo banarushaho gukorana n'ibigo by'imari.

***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hari hateganyijwe:***

- Gukora ubukangurambaga ku baturage hagamije kumenyekanisha gahunda y' ubujyanama mu bucuruzi hagamijwe kubamenyesha amahirwe ahari;
- Guhuza abaturage n'abazabafasha gutegura no kunoza ibitekerezo byabo kugira ngo bivemo umushinga uzashyikirizwa ikigo cy'imari kugira ngo uhabwe inguzanyo binyujijwe muri gahunda ya nkunganire(Voucher system).
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda n'imikorere ya BDAs.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira***

- Hakozwe ubukangurambaga mu Mirenge 10 y'Akarere ka Kicukiro hamenyekanishwa iyi gahunda;
- Ku bufatanye n'abajyanama mu by'ubucuruzi hateguwe imishinga 450 ishyikirizwa ibigo by'imari kugira ngo ibone inguzanyo.

***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

***Uyu muhigo wadufashije kugera kuri mpinduka zikurikira:***

- Byafashije abagenerwabikorwa gukura ibitekerezo byabo byari inzozi bijya mu bikorwa;
- Byafashije guteza imbere umuco wo gukorana n'ibigo by'imari;
- Byarwanyije ubushomeri abaturage babona inguzanyo bikura mu bukene;
- Byafashije gutinyuka ishoramari no guhanga mishya;

Uyu muhigo uhura na gahunda z' igihugu zijyanye no kongera ubukungu hagabanywa ubukene nka EDPRS II ndetse n'izindi ngamba zijyanye no kwigisha abaturage kugira umuco wo gukorana n' ibigo by' imari no kwihangira imirimo.

## 17. Gufasha urubyiruko 200 rwize imyuga itandukanye kubona inguzanyo y' ibikoresho kugirango bihangire imirimo iciriritse

Mu rwego rwo guteza imbere urubyiruko rwize amashuri y'ubumenyingiro kwiteza imbere rukabasha kwihangira imirimo harwanywa ubushomeri ;

Akarere ka kicukiro kahize umuhigo wo gufasha urubyiruko 200 rwize imyuga itandukanye kubona inguzanyo y' ibikoresho kugirango bihangire imirimo iciriritse (start up toolkits);

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

- Kunoza urutonde rw' urubyiruko rwize imyuga itandukanye ruzafashwa kubona inguzanyo y' ibikoresho kugirango rwihangire imirimo iciriritse;
- Kubahuza n'abajyanama mu bucuruzi (BDAs) kugirango babafashe gutegurirwa imishinga izahabwa inguzanyo ku bikoresho;
- Guhuza urubyiruko rwakorewe imishinga n'ibigo by'imari ruzabaha inguzanyo.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

- Hanogejwe rw' urubyiruko rwize imyuga itandukanye ruzafashwa kubona inguzanyo y' ibikoresho kugirango rwihangire imirimo iciriritse;

- Twahuje urubyiruko rwize imyuga n'abajyanama mu bucuruzi (BDAs) babafasha gutegurirwa imishinga izahabwa inguzanyo ku bikoresho;

- Twahuje urubyiruko rwakorewe imishinga n'ibigo by'imari bizabaha inguzanyo.





Kugeza ubu urubyiruko 200 nirwo twahaye ibyo bikoresho by'ubwubatsi,bya resitora, byo gutunganya imisatsi,gukora imigati,n'ibindi bazifashisha mu myuga yabo y'ubugeni n'ubukorikori butandukanye.

***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Byafashije abagenerwabikorwa gukura ibitekerezo byabo byari inzozi bijya mu bikorwa;
- Byafashije guteza imbere umuco wo gukorana n'ibigo by'imari;
- Byarwanyije ubushomeri bwiganje cyane cyane mu rubyiruko;
- Byafashije gutinyuka no kwiga gukora kurushaho;
- Byafashije urubyiruko gushora imari mu bumenyingiro.

## 18. Gufasha imishinga mito n'iciriritse 325 kubona ingwate ku nguzanyo mu bigo by'imari.

Mu rwego rwo guteza imbere ishoramari Akarere ka Kicukiro kahize umuhigo wo gufasha imishinga mito n'iciriritse 325 kubona ingwate ku nguzanyo mu bigo by'imari.

Ku bufatanye na BDF uyu muhigo washyizwe mu bikorwa binyujijwe mu bukangurambaga butandukanye dushishikariza abaturage n'ibigo by'imari kwitabira gahunda y'ingwate ku nguzanyo itangwa na BDF.

Ku bufatanye n'iki kigo, imishinga mito n'iciriritse 327 yarunganiwe ihabwa ingwate ku nguzanyo ku mishinga yabo mu bigo by'imari bitandukanye.

***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Guteza imbere abahawe inguzanyo
- Guhanga imirimo mishya idashingiye ku buhinzi
- Gukorana n'ibigo by'imari iciriritse
- Guhindura imibereho myiza y'abaturage

## 19. Kubaka amasoko mato 3 (mini market) two guhurizamo abacuruzaga mu buryo butemewe.

Mu rwego rwo guteza imbere ishoramari riciriritse Akarere ka Kicukiro kahize kubaka amasoko 3 ahurizwamo abaturage bacururizaga mu buryo butemewe (Street vendors).

- Mu Murenge wa Nyarugunga twahize kubaka hangar ebyiri (2);
- Mu Murenge wa Kagarama twahize kubaka hangar imwe (1);

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa hakorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gushaka amafaranga yo kubaka amasoko;
2. Gutanga amasoko y'ibikoresho;
3. Kubaka no gukurikirana ibikorwa.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Hashatswe amafaranga yo kubaka ayo masoko angana na miliyoni 123 ku bufatanye na MIGEPROF yishyuye miliyoni 105 Akarere kishyura asigaye;
2. Hagati y'Akarere ka Kicukiro n'Inkeragutabara (Reserve Force) hasinywe amasezerano y'ubufatanye bwo kubaka aya masoko;

3. Twakurikiranye ibikorwa by'ubwubatsi kugeza kuri 100%





***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

Abaturage 360 bahawe mo ibibanza babonye aho gucururiza bidufasha kurwanya ubucuruzi bw' akajagari mu mujyi wa Kigali, bibafasha kwikura mu bukene biteza imbere mu bukungu no mu mibereho myiza.

## 20. Kwishyuriza Imirenge sacco amadeni ari mu bukererwe kugeza kuri ki ijanisha rya 95%.

Mu rwego rwo kwirinda ko ibigo by'imari biciriritse byegerejwe abaturage Imirenge SACCOs byahomba, Akarere ka Kicukiro kahize Umuhigo wo kwishyuriza imirenge SACCO amadeni yose ari mu bukererwe kugeza kuri ki ijanisha rya 95%.

Mu gushyira mubikorwa uyu muhigo kubufatanye n'Imirenge igize Akarere kacu uko ari 10 twishyuje abantu bari bafitiye SACCOs amadeni ari mubukererwe,

Ubu amadeni ari mu bukererwe ageze ku ijanisha ra 90% kuri 95% bingana n'ikigereranyo cya 94,7%.

***Uyu muhigo wagezweho 94,7%.***

## 21. Kugaruza amafaranga yatanzwe na munguzanyo za VUP/FS.

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'ubukene hashyizweho gahunda yo kugaruza amafaranga ari mu bukererwe yatanzwe muri gahunda ya VUP/FS kugeza kuri 95% kugira ngo yongere guhabwa abandi bayakeneye.

***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hateganyijwe:***

- Gukora ubukangurambaga mu kwishyuza;

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

- Hakozwe ubukangurambaga butandukanye dushishikariza abahawe amafaranga kuyagarura.
- Amafaranga yose yatanzwe muri iyi gahunda amaze kugaruzwa kugeza ku kigereranyo cya 74%

## 22. Gutera ibiti muri gahunda yo kubungabunga ibidukikije.

***Muri gahunda yo kurengera ibidukikije no kubungabunga umutungo kamere twahize:***

- Ibiti byamashyamba 46.840 kuri hegitari 19;
- Ibiti bivangwa n'imyaka 54.312 kuri hegitari 136Ha;
- Ibiti byo ku mihanda 7.000 ku burebure bureshya ka Km 10.

***Ibikorwa byagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

Hatewe:
- Ibiti by'amashyamba bingana na 46.840 ku buso bungana na hegitari 19;
- Ibiti 54,312 bivangwa n'imyaka ku buso bungana na hegitari 136;
- Ibiti 7.000 byo ku mihanda ku buso burebure bureshya na km 10.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Kugura imirama;
2. Gukora ubuhumbikiro(Pepiniere);
3. Gutera ibiti;
4. Gukurikirana ibiti byatewe,
5. Gusimbuza ibiti byangiritse.



***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:***

1. kugura imirama;
2. hakozwe ubuhumbikiro(Pepiniere) burimo ibiti………;
3. hatewe ibiti ku uryo bukurikira:

- Ibiti by'amashyamba bingana na 12.100 ku buso bungana na hegitari 8;
- Ibiti bivangwa n'imyaka 89.075 byatewe ku buso bungana na hegitari 223;
- Ibiti byo ku mihanda 7050ku burebure bureshya na km 10,1

Byose hamwe :
108.225 / 108.152

4. Hakurikiranywe ibiti byatewe,

***Uyu muhigo wagezweho ku 100%.***

Uyu muhigo wadufashije kurengera ibidukikije haterwa ibiti ku misozi, mu mirima y'abaturage ndetse no ku mihanda bihindura isura y' umujyi wa Kigali n'ubuzima bw'abawutuye.

## 23. Gukora ubusitani ku muhanda wa kaburimbo wa Airport (1km)

Mu rwego rwo gutunganya Umujyi wa Kigali hakorwa ubusitani (Greening and beatification) Akarere ka Kicukiro kahize gukora ubusitani ku muhanda wa Kaburimbo wa Airport (1Km)

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

- Gutera ubusitani haterwamo paspalum;
- Gutera ibiti by'imitako.

***Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

- Hakozwe ubusitani haterwamo paspalum
- Hatewe ibiti 200 by'imitako.





***Uyu muhigo wagezweho ku 100%.***

Uyu muhigo wadufashije guteza imbere isuku mu mujyi wa Kigali nk'uko tubisabwa mu gushyira mu bikorwa intero y'Umujyi wa Kigali yo kunoza isuku ukaba umujyi w'icyitegererezo.

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

1. Kongera ubwiza bw'umuhanda
2. Kugabanya umukungugu
3. Kongera Isuku ku kibuga cy'indege

## 24. Ingo 1.000 nshya zikoresha gaz

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, hagabanywa abakoresha inkwi, amakara n'ibyatsi, Akarere ka Kicukiro kiyemeje gushyira imbaraga mu gukangurira abagatuye gukoresha Gas mu guteka. Muri iyi gahunda Akarere kiyemeje guhiga ingo 1000 nshya zikoresha gaz.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Hakozwe ubukangurambaga mu gutekesha gaz;
2. Guhuza abaturage n'ibigo bicuruza gaz.

Akarere ka Kicukiro kashyize imbaraga mu gukora ubukangurambaga mu baturage ndetse no kubahuza n'ibigo bicuruza ibikoresho bya Gazi kugirango biborohereze mu kugezwaho ibyo bikoresho ndetse no mu buryo bwo kubyishyura. Hifashishijwe ibigo bikomeye muri iyi gahunda nka SP Ltd, Kigali Gas Ltd, n'ibindi, mu Karere ka Kicukiro ingo nshya 1357 zagejejweho ibikoresho bya gazi bituma intego twari twarihaye tuyigeraho ku kigereranyo cya 135.7%. Ubukangurambaga muri iyi gahunda kandi buracyakomeje ndetse n'ibikoresho biracyagezwa ku baturage hagamijwe gukomeza kuzamura umubare w'ingo zitekesha Gaz.








ibyagezweho:
Uyu muhigo wadufashije kurengera ibidukikije no guteza imbere isuku bidufasha mu iterambere ry'Imibereho Myiza y'abaturage.

## 25. Kwinjiza imisoro n'amahoro kugeza ku mafaranga 5,597,654,329.

Mu rwego rwo kwiteza imbere no gukemura ibibazo bitandukanye bya buri munsi, Mu mwaka wa 2016/17 Akarere ka Kicukiro kahize kwinjiza imisoro n'amahoro bingana na 5,597,654,329.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***




***Uyu muhigo wagezweho 91.54%***

Uyu muhigo wagezweho ku bufatanye n'inzego zose z'ubuyobozi dukorana n'ikigo cy'igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro(Rwanda Revenue Authority).

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za leta.
- Kongera ingengo y'imari y'Akarere

# II. Inkingi y'imibereho myiza

## 26. Guha inkunga abarokotse jenoside 609

Muri gahunda yo gufasha abarokotse jenoside yakorewe abatutsi yo muri Mata 1994, twahize umuhigo wo gutera inkunga abarokotse 609, biganjemo incike ,imfubyi n'abapfakazi.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1-Kunoza urutonde rw'abagenerwabikorwa;
2-Gukurikirana amafaranga y'abagenerwabikorwa mw'ishami ry'imari;
3-Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

***Ibyagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1-Hanogejwe urutonde rw'abagenerwabikorwa 604 bazahabwa inkunga;
2-Abagenerwabikorwa 604 bahawe inkunga y'ingoboka bagenerwa na FARG ingana n' amafaranga 45,150,000

***Impinduka dukesha uyu muhigo:***

Uyu muhigo wafashije abatishoboye abagenerwabikorwa guhangana n'ibibazo by'ingutu bibugarije babasha kwikura mu bukene biteza imbere mu mibereho Myiza.

***Uyu muhigo wagezweho 100%***

## 27. Kubaka amacumbi 10 y'abarokotse jenoside batishoboye

Muri gahunda gukemura ikibazo cy'amacumbi y'abatishoboye Akarere ka Kicukiro kahize kubaka amacumbi 10 y'abarokotse jenoside batishoboye mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Ayabaraya mu Murenge wa Masaka:

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gutegura site izubakwaho;
2. Kwishyura ibikorwa(Expropriation);
3. Kubaka amazu 10 yo guturamo.

Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa hubakwa amazu 10

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

1. Gufasha Imiryango 40 kubona amacumbi;
2. Gutanga akazi ku baturage 230 (abagabo 134 abagore 96).
3. Kongera imibereho myiza y'abaturage.

## 28. Gufasha abatishoboye 800 muri gahunda y'inkunga y'ingoboka

Muri gahunda yo gufasha abatishoboye , Twahize umuhigo wo gutanga inkunga y'ingoboka baturage bakennye 800 batishoboye.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'abagenerwabikorwa;
2. Gutanga inkunga y'ingoboka.

***Ibikorwa byakozwe ni ibi bikurikira;***

1. Hashingiwe ku mabwiriza ya LODA twanogeje urutonde rw'abemerewe guhabwa iyo nkunga dusanga abayemerewe ari abaturage 811;
2. Hatanzwe inkunga y'ingoboka ku bagenerwabikorwa batoranyijwe bakemezwa.

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

1. Abahawe inkunga y'ingoboka bashoboye gukemura ikibazo cy'imibereho cyari kibugarije.
2. Babashije kwigurira amatungo magufi arimo inkoko; inkwavu……

***Uyu muhigo twawugezeho 100%.***

Uyu muhigo wunganira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Leta yo kuvana abaturage mu bukene.

## 29. Gufasha imiryango 150 hhs binyuze muri gahunda ya minimum package

Muri gahunda yo gufasha abatishoboye, Twahize umuhigo wo gutanga inkunga y'ingoboka baturage bakennye 150 batoranyijwe bakemezwa bakora muri VUP/PW mu Murenge wa Masaka.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Gutanga amatungo ku bagenerwabikorwa
2. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.
3. Gutanga ubwisungane mu buvuzi ku miryango icyenda yabahwituzi badufasha gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

***Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hatanzwe amatungo ku bagenerwabikorwa 150
2. Hakurikiranywe ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.
3. Hatanzwe ubwisungane mu buvuzi ku miryango icyenda yabahwituzi badufasha gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

1. Byafashije abagenerwabikorwa kwikura mu bukene babikesha ubworozi bwamatungo magufi bahawe

***Uyu muhigo twawugezeho 100%.***

Uyu muhigo wunganira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Leta yo kuvana abaturage mu bukene.

## 30. Gutanga akazi ku baturage 645 muri gahunda ya PW/VUP

Mu rwego rwo gufasha abaturage batishoboye hatekerejwe uburyo butandukanye bwo gufasha abaturage bakennye mu kwikura mu bukene; Akarere ka Kicukiro kahize gutanga akazi ku baturage 645 muri gahunda ya PW/VUP .

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa mu buryo bukurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'abazahabwa akazi
2. Kwemeza site zizakorwamo ibikorwa;
3. Kwishyurira abagenerwabikorwa ku gihe.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira :***

1. Hanogejwe urutonde rw'abaturage 645 bazahabwa akazi;
2. Hemejwe site zizatangwamo akazi muri gahunda ya VUP/PW
3. Hatanzwe akazi ku baturage 645.

***Uyu muhigo twabashije kuwugeraho ku kigereranyo cya 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo:***

Abaturage 645 bahawe akazi babashije kwikura mu bukene bibafasha bibafasha kwiteza imbere mu bukungu no mu mibereho myiza.

## 31. Gufasha koperative ebyiri z'abafite ubumuga

Mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'abantu bafite ubumuga.

Mu mihigo 2016/2017 Akarere ka Kicukiro kahize gutera inkunga Koperative ebyiri (2) z'abantu bafite ubumuga; Koperative zahawe inkunga ni KOVEGAPROH yahawe inkunga ingana na miliyoni ebyiri (2,500,000Frws) na UNITED DEAF WOMEN yahawe inkunga ingana na miliyoni ebyiri (2,500,000Frws) ikoreshwa mu mushinga w'ubucuruzi bucirirtse bw'ibiribwa n'ibinyobwa;

***Uyu muhigo wagezweho 100%.***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

- Guhindura imibereho y'abaite ubumuga
- Gutanga akazi
- Kubongerera ubushobozi
- Kubaremamo ikizere

## 32. Kubaka ikigo gihugura abarimu b'imyuga n'ubumenyingiro mu Murenge wa Niboye phase II

Mu rwego rwo guteza imbere imyuga n'ubumenyingiro hubakwa amashuri y'imyuga.
Ku bufatanye n'ikigo cya IPRC-Kigali (Integrated Polytechnic Regional Center); hahizwe kubakwa ishuri rihugurirwamo abarimu bigisha imyuga n'ubumenyingiro rya Rwanda Technical Teachers Institute(RTTI).

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira :***

- Gusinya amasezeano
- Gutunganya ubusitani
- Kubaka inzu

***Uyu muhigo wagezweho 100%***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

Kongera umubare w'amashuri makuru y'imyuga n'ubumenyingiro , Kuzana impinduka mu myigishirize y'abarimu bo mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro nyuma yo kubona amahugurwa muri iri shuri.



## 33. Kubaka ibyumba by'amashuri 9 n'ubwiherero 8

Mu rwego rwo guteza imbere uburezi kuri bose hagamijwe kugabanywa ubucucike mu mashuri no kugabanya ingendo bakora bajya ku ishuri hagamijwe kongera umubare w'abana bagana ishuri. Muri gahunda ya 12YBE hubatswe ibyumba by'amashuri 9 n'ubwiherero 8.





***Impinduka dukesha uyu muhigo:***

Uyu muhigo wadufashije gutanga akazi ku baturage 192 barimo abagabo 148 n'abagore 44 bakaba barahembwe amafaranga angana na 19,734,500 y'u Rwanda.

Twabashije kandi kugabanya ubucucike bw'abana kuko umubare w'abana wavuye kuri 68 ugera kuri 48 mu ishuri.

***Uyu muhigo wagezweho ku kigereranyo cya 100%.***

## 34. Gukora ubugenzuzi mu mashuri abanza 74 n'ayisumbuye 41





Mu rwego rwo guteza imbere ireme ry'uburezi mu mashuri abanza n'ayisumbuye; akarere ka Kicukiro kahize kugenzura imyigire n' imyigishirize mu bigo by'amashuri 74 abanza no muri 41 by'amashuri yisumbuye.

***Ubwo bugenzuzi bwakozwe hibandwa kuri ibi bikurikira:***

1. Hagenzuwe imyigire n'imyigishirize ;
2. Hagenzuwe isuku no kwita ku bidukikije ;
3. Hagenzuwe imyitwarire y'abanyeshuri ;
4. Hagenzuwe inyubako n'ibikoresho.

Ubu ugenzuzi bwakozwe mu mashuri abanza 74 n'amashuri yisumbuye 44.

***Impinduka dukesha iri genzura ni izi zikurikira:***

1. Ireme ry'uburezi ryateye imbere ;
2. Abarimu n'abayobozi b'amashuri batoye umuco wo gukorera ku mihigo;
3. Isuku yarabungabunzwe n'ibidukikije byitabwaho ;
4. Inyubako zitaweho zirasanwa kandi zikorerwa isuku.

Uyu muhigo wunganiye gahunda ya Leta yo guteza imbere ireme ry'uburezi.

***Uyu muhigo twabashije kuwugeraho ku ijanisha rya 100%.***

## 35. Kwigisha abantu 750 bakuru batazi gusoma no kwandika.

Mu rwego kandi rwo kurwanya ubujiji no kuzamura imibereho myiza y' abaturage, higishwa abakuru, Akarere ka Kicukiro kahize ko abakuze batazi gusoma no kwandika bagera kuri 750 bazabyigishwa.

Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo binyujijwe mu bukangurambaga butandukanye ryatumye abakuze batazi gusoma, kwandika no kubara basaga 779 bigishijwe gusoma,kwandika no kubara muri centre 43.





***Uyu muhigo twawugezeho ku kigereranyo cya 100%.***

## 36. Gushishikariza abaturage ubwisungane mu buvuzi kugeza kuri 100%

Mu rwego rwo kubungabunga imibereho myiza y'abaturage twahize ko abaturage bazagira ubwisungane mu buvuzi kugeza kuri 100%;

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

- Hakozwe ubukangurambaga mu Mirenge yose igize Akarere ka Kicukiro, Ubuyobozi bw' Akarere bukangurira abayobozi b'inzego z'ibanze ndetse n'abajyanama b'ubuzima kugira Mituweli iyabo ndetse no kurushaho kuyikangurira abaturage bashinzwe kuyobora,
- Hatanzwe ubutumwa bwa Mituweli ahantu hahurira abantu benshi: Mu mashuri, mu nsengero, mu migoroba y'ababyeyi ndetse no mu nteko z'abaturage.
- Hahuguwe kandi Komite nkangurambaga kuva ku rwego rw'umudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere kuko izo komite arizo zifasha imyumvire ya gahunda ya Mituweli kuva ku rugo kugeza ku rwego rw'Akarere.

***Uyu muhigo wakozwe mu Mirenge yose kugeza ubu tukaba tugeze ku ijanisha rya 99.60%.***

***Uko Imirenge ihagaze mu bwisungane ni uku gukurikira:***

| No. | Umurenge | Abaturage Bose | Abafite Ubundi Bwishingizi | Abagomba Kugira Musa | Abishyuye | Abamaze Kwishyura | % Abamaze Kwishyura |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 11,142 | 6,800 | 4,342 | 7358 | 7661 | 176.44 |
| 2 | Kanombe | 33,358 | 20,759 | 12,599 | 20,982 | 22,197 | 176.18 |
| 3 | Nyarugunga | 26,971 | 16,892 | 10,079 | 15014 | 16378 | 163.66 |
| 4 | Kagarama | 11,261 | 5,545 | 5,716 | 8,566 | 8,813 | 154.18 |
| 5 | Kigarama | 35,212 | 22,037 | 13,175 | 16,820 | 17,870 | 135.63 |
| 6 | Gikondo | 11,661 | 6,622 | 5,039 | 4,688 | 4,825 | 95.35 |
| 7 | Niboye | 17,397 | 8,328 | 9,069 | 7,789 | 8,042 | 88.42 |
| 8 | Gatenga | 41,037 | 15,876 | 25,160 | 18,342 | 20,479 | 81.27 |
| 9 | Gahanga | 31,012 | 4,293 | 26,719 | 18,514 | 20,151 | 75.33 |
| 10 | Masaka | 39,156 | 6,013 | 33,143 | 21,416 | 22,791 | 68.59 |
| **Total** | | **258,207** | **113,165** | **147,044** | **132,131** | **146,507** | **99.63** |

Impinduka dukesha uyu muhigo ni iyi ikurikira:
- Abaturage bagera kuri 99.6% babashije kubona serivisi z'ubuvuzi babikesheje gahunda y'ubwisungane mu buvuzi.

## 37. Gukora ubugenzuzi bw'isuku buri gihembwe mu bigo nderabuzima 10

Mu rwego rwo kunoza isuku mu bigo nderabuzima Akarere ka Kicukiro kahize gukora ubugenzuzi bw'isuku mu bigo nderabuzima 10 bigize Akarere ka Kicukiro.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Guhugura ibyiciro bitandukanye ku isuku,
2. Gukora ubugenzuzi bw'isuku buri gihembwe mu bigo nderabuzima 10,

***Ibikorwa byagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Hashatswe abaterankunga (GIKURIRO PROJECT); hakorwa amahugurwa ku isuku muri Mutarama 2016.
2. Ibigo nderabuzima 10 byarasuwe kuva mu gihembwe cyambe kugeza mu gihembwe cya kane amakosa yagaragaye akurikira arakosorwa.





***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa kugeza ku 100%***

***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikuririra:***

1. Isuku yariyonhereye,
2. Imitangire ya service yaravuguruwe.

## 38. Kubaka maternite ya Gikondo 100%

Mu rwego rwo guteza imbere ubuzima twita ku buzima bw'abagore batwite Akarere ka Kicukiro kahize kubaka inzu yo kubyariramo(Maternite ya Gikondo) kugeza kuri 100%.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi,
2. Gufasha mu ikora ry'uyu muhigo.

***Ibikorwa byagezweho ni ibi bikurikira:***

1. Twakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo y'ubwubatsi kugeza kuri 100%

Nyuma y'uko materinite ya Gikondo itangiye gukora, igasurwa n' ubuyobozi vvbw' Akarere, Ubuyobozi bw'Akarere bwasanze hari ibikoresho by'ibanze bibura kugira ngo serivisi zitangwe neza mu buryo bunoze. Akarere katanze ibikoresho kugira ngo bifashe ikigo nderabuzima gutanga serivisi nziza mu gihe tugitegereje ibyo twasabye Minisante.

| Ibikoresho | Umubare |
|---|---|
| Filiri y'amazi ( Filtre a eau) | 1 |
| Television n'ibijyanye n'abyo (Télévisére et les accessoires) | 1 |
| Umunzani wabakuze (Balance Adulte) | 1 |
| Speculum | 2 |
| Bassin reuniform | 3 |
| Banes | 1 |
| Lampe | 3 |
| Armoire metallique | 1 |
| Tambour | 2 |



Kugeza ubu serivisi ya maternite iragenda neza cyane imibare iragaragaza ko abayeyi bahabyarira bagenda biyongera buri kwezi muri rusange guhera muri Nzeli 2016 kugeza Mata 2017 hamaze kubyara ababyeyi 370 nkuko mu bibona munsi.

***Imibare Y'ababyeyi Babyariye Muri Materinite Ya Gikondo:***

| Ukwezi | Umubare W'ababyaye |
|---|---|
| Nzeri | 23 |
| Ukwakira | 51 |
| Ugushyingo | 56 |
| Ukuboza | 58 |
| Mutarama | 46 |
| Gashyantare | 43 |
| Werurwe | 41 |
| Mata | 52 |
| **Bose Hamwe** | **370** |

***Uyu muhigo watugejeje ku mpinduka zikurikira:***

Abaturage b' Umurenge wa Kigarama na Gikondo barashima cyane serivisi itangwa mu kigo nderabuzima cya Gikondo kuko byabaruhuye kujya kubyarira ku bitaro bya Muhima cyangwa i Masaka bikababagora muri izo ngendo cyane cyane ku barwaza.

Akarere ka Kicukiro kiyemeje gukomeza kubasura no kubagira inama cyane cyane mu mitangire ya serivisi kugeza ubu gashima cyane ndetse n'abaturage bakigana.

***Umuhigo wagezweho 100%***

## 39. Gufasha abaturage 6000 kwipimisha no kuvurwa amaso

Leta y'Rwanda yashyizeho gahunda yo kuvura amaso mu baturage bose cyane cyane abarengeje imyaka 40 mu rwego rwo kubarinda ubuhumyi.

Ni muri urwo rwego Akarere ka Kicukiro kahize gukora ubukangurambaga bwimbitse kugira ngo abaturage basuzumwe amaso byibuze ibihumbi 6000 abo basanze barwaye bagahabwa ama lunettes azabafasha gusoma neza no kubona ibyo batabasha kureba.

Abo bidashobotse kuvurirwa mu Mudugudu boherezwa ku bitaro by'Akarere.

Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:

1. Gukora ubukangurambaga kuri iki gikorwa;
2. Guhugura abazapima abaturage muri buri centre de santé mu zigize Akarere;
3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' uyu muhigo.




*Ubukangurambaga bwo kwipimisha amaso.*

***Umuhigo wagezweho 100%***

*Imibare yabaturage basuzumwe amaso guhera mu kwezi kwa Nzeli 2016 - Werurwe 2017*

| Ukwezi | Umubare | Abahawe Lunettes |
|---|---|---|
| Kanama | 2461 | 425 |
| Nzeli | 1292 | 164 |
| Ukwakira | 1791 | 256 |
| Ugushyingo | 1880 | 374 |
| Ukuboza | 1879 | 274 |
| Mutarama | 1604 | 373 |
| Gashyantare | 3209 | 341 |
| Werurwe | 2888 | 365 |
| **YOSE HAMWE** | **17004** | **2572** |

*Ibikorwa byo gupima amaso.*





Iri suzumwa ryaritabiriwe cyane ku buryo abaturage bari bateganyijwe barenze cyane. Impamvu yabiteye ni uko hahozwe ubukangurambaga ryimbitse ubuyobozi bwashyizemo imbaraga nyinshi kandi abaforomo bahuguwe bagiye basanga abaturage mu midugudu yabo aho batuye.

Akarere karakomeza gushishikariza abaturage gukomeza igikorwa cyo kwisuzumisha kuko byabegerejwe kandi nti bihenze.

***Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Abaturage 17004 bafashijwe gupimwa amaso;
   Muri bo 2572 bahawe indorerwamo(Lunettes).

***Uyu muhigo twabashije kuwesa ku 100%***

Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:

Abaturage 2572 babashije kubona indorerwamo z'amaso lunettes bibafasha kugira ubuzima buzira umuze.

# 40. Kuzuza inyubako y'ivuriro Dream Health Polyclinic mu Murenge wa Gatenga kugeza kuri 100%.

Mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage Akarere ka Kicukiro gafatanyije n'umufatanyabikorwa NEW LIFE MINISTRIES kahize kuzuza inyubako y'ivuriro Dream Health Polyclinic gatenga kugeza kuri 100%.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi.

***Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira :***

1. Twakurikiranye ibikorwa by'ubwubatsi ubu bikaba bigeze kuri 100%.
2. Akarere kasannye umuhanda w'itaka ujyayo ureshya nka metero 395, ushyirwamo laterite uranatsindagirwa

***Uyu muhigo twabashije kuwesa ku 100%.***



***Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

Abaturage bo mu Karere ka Kicukiro by' umwihariko abo mu murenge wa Gatenga bazabasha kugezwaho servise z'ubuvuzi bibafashe kugira ubuzima buzira umuze.

Ishyirwa mu bikorwa ry'uyu muhigo ryabashije gufasha mu itangwa ry'akazi ku baturage

## 41. Kubaka ikigo mbonezamikurire (ECD ) mu Murenge wa Masaka, Akagari ka Ayabaraya

Mu rwego rwo gutegura abana kwiga mu mashuri abanza no gufasha abana bava mu miryango ikennye kwiga mu mashuri y'incuke. Akarere ka Kicukiro kahize kubaka irerero ECD. (Early Childhood Development) Mu Murenge wa Masaka,Akagari ka Ayabaraya.





***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gukurikirana ibikorwa by'ubwubatsi;
2. Kwakira ibikorwa by'ubwubatsi

***Ibikorwa byagezeho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Twakurikiranye ibikorwa by'ubwubatsi kugeza ku 100%;
2. Twakiriye ibikorwa by'ubwubatsi

***Impinduka dukesaha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

1. Iyubakwa ry'iri rerero ryafashije ababyeyi kunoza uburere bw'abana b'incuke,

***Uyu muhigo twabashije kuwugeraho ku kigereranyo cya 100%.***



## 42. Gushaka ibyumba bizakoreshwa muri (ECD)

Mu rwego rwo guteza imbere uburere bw'abana b'incuke no gufasha abana bava mu miryango ikennye kwiga mu mashuri y'incuke. Akarere ka Kicukiro kahize gushaka irerero ECD. (Early Childhood Development) Mu tugari twose 41 tugize Akarere ka Kicukiro.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gushaka ibyumba bizakorerwamo na ECDs;
2. Gukurikirana imikorere ya ECDs no kubafasha kubona ibikoresho(Equipments).

***Ibikorwa byagezeho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Twabonye ibyumba 41 mu Tugari twose bizakorerwamo ECDs





***Impinduka dukesaha uyu muhigo ni izi zikurikira:***

1-ECDs zafashije ababyeyi kunoza uburere bw'abana b'incuke;

***Uyu muhigo twabashije kuwugeraho ku kigereranyo cya 100%.***

## 43. Gusubiza mu miryango abana 85 bari mu bigo byita ku bana b'inzererezi

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kugarura abana mu miryango Akarere ka Kicukiro kahize ko abana 85 basanzwe babarizwa mu bigo by'imfubyi bagarurwa mu miryango.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gukora ubukangurambaga bugamije gushishikariza ababyeyi kwakira abana barererwa mu bigo by'imfubyi,
2. Gusura imiryango yemeye gufata abana;
3. Gusubiza abana barererwa mu bigo by'imfumyi mu miryango bitarenze Kamena 2017.

***Ibikorwa byagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

Abana 85 basubijwe mu miryango;
4. Ibigo birera imfubyi byahawe inkunga ingana n'amafaranga 16 000 000 abafasha kwita kuri abo bana.
Impinduka dukesha uyu muhigo ni izi zikurikira:
Abana 85 basubijwe mu miryango bidufasha mu gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kurerera abana mu miryango.

## 44. Gushyiraho komite zo gukemura amakimbirane (Community Based Early Childhood Development Centers) ku rwego rw'Utugari.

Muri gahunda yo kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage cyane cyane hakemurwa amakimbirane aboneka mu miryango,Akarere ka Kicukiro kahize gushyiraho komite zo gukemura amakimbirane zikazakorera ku rwego rwa buri Kagari.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gushyiraho komite zo gukemura amakimbirane ku rwego rw'Akagari;
2. Gukurikirana imikorere y'izo Komite;
3. Gutanga raporo z'ibyagezweho za buri gihembwe.

***Ibikorwa byagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Mu Tugari 41hashyizweho Komite zo gukemura amakimbirane ku rwego rw'Akagari;
2. Twakurikiranye imikorere y'izo Komite;
3. Hatanzwe raporo z'ibyagezweho za buri gihembwe.

Uyu muhigo wadufashije gukemura ibibazo by'amakimbirane byari byiganje mu miryango,tubasha kubikumira hakiri kare bidufasha mu kubungabunga iterambere ry'umuryango.

***Uyu muhigo twabashije kuwesa ku 100%.***

## 45. Gutera inkunga inama y'igihugu y'urubyiruko (NYC)

Akarere ka Kicukiro kahize guteza imbere urubyiruko ,Ni muri urwo rwego twahize gushyigikira ibikorwa by'urubyiruko dutera inkunga ibikorwa biri muri gahunda y'ibikorwa bateguye (Action plan) tukabaha inkunga ingana na miliyoni enye(4,000,000frw).

Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa 100% hatangwa inkunga ingana na miliyoni enye(4,000,000Frw) byunganira urubyiruko kwesa imihigo rwahize birufasha kwiteza imbere.

## 46. Gukora siporo rusange (sport de masse) mu Mirenge yose 10

Mu ri gahunda yo kwita ku buzima bw'abaturage ,Akarere ka Kicukiro kahize ko hazajya hakorwa siporo rusange(Grassroots mass sport).

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gukora ubukangurambaga bugamije gukangurira abaturage kwitabira siporo rusange.
2. Gutegura siporo rusange mu mirenge yose.





***Kuri uyu muhigo twagize impinduka zikurikira:***

1. Byadufashije guhuriza hamwe abaturagem bakora siporo bibafasha kugira ubuzima buzira umuze;
2. Byadufashije gutambutsa gahunda za leta zihutirwa binyujijwe mu butumwa butangwa muri sport rusange

***Uyu muhigo wagezweho 100%***

## 47. Gutera inkunga amatorero 2 akora imbyino ndangamuco

Muri gahunda guteza imbere umuco nyarwanda Akarere kahize gutegura amarushanwa agamije guteza imbere imbyino n'umuco nyarwanda.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gutegura amarushanwa;
2. Guhemba abitwaye neza mu marushanwa.

***Kuri uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:***

1. Hateguwe amarushanwa imirenge yose 10 yohereza amatorero yaje gupiganwa,
2. Hateguwe inyandiko ngenderwaho mu marushanwa,
3. Hakozwe amarushanwa tariki ya 13 Mutarama 2017:
   - Itorero rya mbere ryabaye Ingeri y'abeza ryo mu Murenge wa Niboye rihembwa amafaranga 500,000
   - Itorero rya kabiri ryabaye Inganji tubaho intore Rwanda ryo mu Murenge wa Kanombe rihembwa a mafaranga 300,000
   - Itorero rya gatatu ryabaye Uruyange ryo mu Murenge wa Masaka rihembwa 200,000

***Uyu muhigo wagezweho 100%***

Byafashije kwimakaza umuco Nyarwanda

# III. Inkingi y'imiyoborere myiza n'ubutabera

## 48. Gukemura ibibazo by'abaturage kugeza kuri 100%





Mu mihigo 2016/2017 Akarere ka Kicukiro kahize gukemura ibibazo by'abaturage 100%

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage
2. Kohereza ibibazo bitakemuwe mu zindi nzego zibifitiye ububasha.

***Kuri uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:***

Hakiriwe ibibazo 967 hakemurwa ibibazo 882,
Ibibazo bitarakemurwa ni 86.

***Uyu muhigo wagezweho kuri 91.2%***


Uyu muhigo wadufashije gukemura ibibazo by'ingutu byiganjemo ibyagaragajwe mu kwezi kw'imiyoborere Myiza(Governance month), binadufasha kwimakaza ubutabera.

## 49. Kubaka ibiro by'umurenge wa Niboye kugeza kuri 100%;

Mu rwego rwo kunoza imitangire ya servise zikenerwa n'abaturage, by' umwihariko hagamijwe gukemura ikibazo cy'abaturage basabaga servise zakwaga ku Murenge wa Niboye ariko zigatangirwa mu biro byubatse mu ishuri rya IPRC kandi bakaninjira bigoranye kuko ari mu butaka bw'ishuri rya IPRC. Akarere kahize kubaka ibiro by'Umurenge wa Niboye kugeza ku ijanisha rya 100%.

Kugeza ubu raporo y'abakurikirana ubwo bwubatsi igaragaza ko inyubako igeze kuri 100%.





Uyu muhigo wadufashije gukemura ikibazo cya service zahabwaga abaturage ariko zigatangwa mu buryo butihuse.

***Uyu muhigo twabashije kuwesa kugeza kuri 100%***

## 50. Kwinjiza agaciro k'umuganda kugeza kuri miliyoni 597

Mu rwego rwo kunganira ingengo y'imari ya Leta ishorwa mu bikorwa by'iterambere; abaturage bagira uruhare mu kunganira ingengo y'imari binyujijwe mu bikorwa by'umuganda.

Muri uyu mwaka twahize ko agaciro k'umuganda kazagera kuri miliyoni Magana atanu mirongo irindwi na zirindwi y'u Rwanda **(597,000,000Frw).**





Muri uyu mwaka agaciro k'ibikorwa byakozwe mu muganda karagera kuri 695,343,240Frw bingana na 116% ayo akaba ariyo mafaranga Leta yabashije kuzigama yari kugenda muri ibyo bikorwa.

By'umwihariko abaturage bishyize hamwe bahuza ubushobozi bagura imodoka zifasha Imirenge mu gukurikirana isuku n'umutekano zifite agaciro ka miliyoni 162,5.

| No. | Ukwezi | Umuganda Value |
|---|---|---|
| 1. | Umuganda Nyakanga 2016 | 67,404,000 |
| 2. | Umuganda Kanama 2016 | 60,438,120 |
| 3. | Umuganda Nzeli 2016 | 60,438,120 |
| 4. | Umuganda Ukwakira 2016 | 60,204,100 |
| 5. | Umuganda Ugushyingo 2016 | 62,131,600 |
| 6. | Umuganda Ukuboza 2016 | - |
| 7. | Umuganda Mutarama 2017 | 57,128,500 |
| 8. | Umuganda Gashyantare 2017 | 51,644,300 |
| 9. | Umuganda Werurwe 2017 | 56,656,500 |
| 10. | Umuganda Mata 2017 | 56,798,000 |
| 11. | Imodoka z' ISUKU&UMUTEKANO | 162,500,000 |
| **YOSE HAMWE** | | **695,343,240Frw** |

***Uyu muhigo wagezweho kuri 116.4%***

## 51. Kurangiza imanza zidafite imbogamizi 100%

Mu rwego rwo kwimakaza ubutabera twahize ko imanza zose zidafite imbogamizi zizakemurwa 100%. Ibikorwa byari biteganyijwe kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:

***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:***

1. Kurangiza imanza zidafite imbogamizi 100%
2. Gutanga raporo y'imanza zarangijwe.

***Ibyagezweho kuri uyu muhigo ni ibi bikurikira:***

1. Harangijwe imanza 183 ku manza 289 twakiriye bingana na 63.4%

***Uyu muhigo twabashije kuwugeraho ku kigereranyo cya 63,4%.***

Uyu muhigo wadufashije kurangiza imanza zidafite imbongamizi, bidufasha kwimakaza ubutabera.

## 52. Gutoranya abarinzi b'igihango mu mirenge yose

Murwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda Akarere ka Kicukiro kahize gutoranya abarinzi b'igihango kuva ku rwego rw'Akagari kugeza ku rwego rw'Akarere.


***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gutegura inama n'abayobozi b'inama Njyanama mu Mirenge.
2. Gutegura amahugurwa ku rwego rw'Imirenge ;
3. Gutoranya Abarinzi b'igihango.

Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:
Hatoranyijwe abarinzi b'igihango kuva ku Kagari kugeza ku rwego rw'Akarere

***Uyu muhigo wagezweho 100%***






Ishyirwa mu bikorwa ryawo ryadufashije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda.

## 53. Gutegura ibiganiro bya ndi umunyarwanda mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu Mirenge yose

Akarere ka Kicukiro kahize gutegura ibiganiro mu mashuri abanza hagamijwe gutoza abana kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Gutegura ibiganiro kuri gahunda ya NDI UMUNYARWANDA mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu mirenge yose;
2. Gukurikirana igikorwa no gutanga raporo.



Ibyagezweho mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo ni ibi bikurikira:

1. Hateguwe ibiganiro kuri gahunda ya NDI UMUNYARWANDA mu mashuri abanza 74 n'ayisumbuye 41 no mu mirenge yose;

***Uyu muhigo wagezweho 100%***

- Ishyirwa mu bikorwa ryawo ryadufashije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu byiciro byihariye.

## 54. Gutoza abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye 2.900 muri gahunda y'itorero

Mu rwego rwo kwimakaza uburere mboneragihugu cyane cyane ku rubyiruko rurangije amashuri yisumbuye; twahize ko urubyiruko 2.900 ruzatozwa gahunda z'indangagaciro binyujijwe muri gahunda y'itorero.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'abazatozwa;
2. Gutegura itangwa ry'amasoko;
3. Gutegura site zizatorezzwaho;
4. Guhugura abatoza;
5. Gutoza abanyeshuri 2900 barangije S6;
6. Gukurikirana no gutanga raporo;

***Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:***

Abanyeshuri 3005 (Abagabo 1468 ,abagore 1537)batojwe  umuco w'ubutore
Uyu muhigo wadufashije gushyira mu gahunda ya Leta yo kwimakaza uburere mboneragihugu, kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda no gukumira za kirazira, uyu muhigo wadufashije kwimakaza umuco w' ubutore, himakazwa indangagaciro z' umuco nyarwanda hakumirwa kirazira.

***Uyu muhigo twabashije kuwesa 100%.***

## 55. Gutegura itorero ry'abayobozi 2200 b'inzego z'ibanze

Mu rwego rwo kwimakaza uburere mboneragihugu mu bayobozi ;twahize ko abayobozi b'inzego z'ibanze 2200 bazitabira itorero.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'abazatozwa;
2. Gutegura itangwa ry'amasoko;
3. Gutegura site zizatorezwaho;
4. Guhugura abatoza;
5. Gutoza abayobozi 2200 b'inzego z'ibanze;
6. Gukurikirana no gutanga raporo.

***Mu bikorwa bitandukanye byakozwe kuri uyu muhigo harimo:***

1. Hanogejwe urutonde rw'abazatozwa;
2. Hateguwe itangwa ry'amasoko;
3. Hateguwe site zizatorezzwaho;
4. Hahuguwe abatoza;
5. Hatojwe abayobozi b'inzego z'ibanze;
6. Hateguwe hanatangwa raporo z'ibikorwa byo gutoza.

Muri uyu muhigo twabashije gutoza umuco w'ubutore abayobozi b'inzego z'ibanze 1631 (Abagabo 1019 ,abagore 612).

uyu muhigo wadufashije kwimakaza umuco w' ubutore, himakazwa indangagaciro z' umuco nyarwanda hakumirwa kirazira.

## 56. Gutegura itorero ry'abarimu 1900 (indemyabigwi)

Mu rwego rwo kwimakaza uburere mboneragihugu; twahize ko abarimu 1900 bazitbira itorero.

***Uyu muhigo washyizwe mu bikorwa ku buryo bukurikira:***

1. Kunoza urutonde rw'abazatozwa;
2. Gutegura itangwa ry'amasoko;
3. Gutegura site zizatorezwaho;
4. Guhugura abatoza;
5. Gutoza abarimu;
6. Gukurikirana no gutanga raporo.





*Uyu muhigo twawugezeho 100%.*

***Mu bikorwa bitandukanye byakozwe kuri uyu muhigo harimo:***

1. Hanogejwe urutonde rw'abazatozwa;
2. Hateguwe itangwa ry'amasoko;
3. Hateguwe site zizatorezwaho;
4. Hahuguwe abatoza;
5. Hatojwe abayobozi b'inzego z'ibanze;
6. Hateguwe hanatangwa raporo z'ibikorwa byo gutoza.

## 57. Gushyira mu bikorwa 100% imyanzuro y'umugenzuzi w'imari ya Leta.

Mu gucunga neza umutungo wa Leta twahize ko imyanzuro yatanzwe n'umugenzuzi w'imari ya Leta (Auditor general recommandations )izashyirwa mu bikorwa 100%.

Mu gushyira mu bikorwa uyu muhigo hakozwe ibi bikurikira:

1. Gukoresha inama 12 za PFM ku rwego rw'Akarere;
2. Gutegura PFM Peer review muri NBAs;
3. Gukora raporo z' igihembwe.

*Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko iyo myanzuro twayishyize mu bikorwa.*

| No. | Imyanzuro Y'ubugenzuzi Bwakozwe 2014/2015 | Ijanisha |
|---|---|---|
| 1 | Imyanzuro yagaragajwe mu mwaka wa 2014-2015 | 22 |
| 2 | Imyanzuro yashyizwe mu bikorwa 100% | 13 |
| 3 | Imyanzuro yashyizwe mu bikorwa itararangiye | 3 |
| 4 | Imyanzuro itarashyizwe mu bikorwa | 6 |
| 5 | Ijanisha ry'imyanzuro itarashyizwe mu bikorwa 100% (no.3+no.4/no.1)*100 | 40,9 |
| 6 | Ijanisha ry'imyanzuro yashyizwe mu bikorwa 100% (no.2/no.1)*100 | 59,1 |

***Uyu muhigo wagezweho 59,1%***

*Imbanzarugamba z'Akarere ka Kicukiro zirashimira buri wese mu ruhare yagaragaje mu kwesa iyi mihigo*



AKARERE KA KICUKIRO

Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo

**2016/2017**